**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

# ICYEMEZO N°0990.28…./2019/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa **10** w'ukwezi kwa **NZERI**;

Twebwe **TWAGIRAMUNGU Félicien,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **MUKESHIMANA NYIRAMWIZA Solange,** icyaha cy'ubushoreke , icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 138 y'itegeko numero 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange , urubanza rwandikwa kuri numero RP 00109/2019/TGI/RSZ

Tumaze kubona ko uwitwa ; MUKESHIMANA NYIRAMWIZA Solange mwene se(ntazwi)na nyina(ntazwi) wabarizwaga mu mudugudu wa Ruganzu, Akagali ka Nyenji, Umurenge wa Nzahaha , Akarere ka Rusizi ho muNtara y'uburengerazuba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera . ariko ubu ntakihabarizwa; aho asigaye aba ntihazwi. Ubu akurikiranwe nk'uwatorotse ubutabera

Dushingiye ku ngingo za 212, 213, 214 n'iya 215 z'Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko MUKESHIMANA NYIRAMWIZA Solange agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **17/10/2019** saa mbiri za mu gitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa kurubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Akagari ka Nyenji , ku biro by'Umurenge wa Nzahaha no ku biro by'Akarere ka RUSIZI, ndetse kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi ahabigenewe.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**TWAGIRAMUNGU Félicien**
**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**
**UMWANDITSI**